Ikinyarwanda III

091

07 Nov. 2006 14h00 -17h00

INAMA Y'IGIHUGU ISHINZWE IBIZAMINI MU RWANDA

B.P 3817 KIGALI-TEL/FAX : 586871

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE 2006

**IKIZAMINI : IKINYARWANDA III**

**URWEGO : ICYICIRO RUSANGE**

**IGIHE KIMARA : AMASAHA 3**

**AMABWIRIZA :**

**Ikizamini kigizwe n'ibice bine** :

- Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko (amanota 40)
- Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo (amanota 33,5)
- Igice cya gatatu: Imyandikire y'ururimi (amanota 11,5)
- Igice cya kane : Ihimbamwandiko (amanota 15)
- Subiriza mu ikaye yabugenewe, wubahiriza itonde ry'ibibazo.
- Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
- Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
- Kirazira kugaragaza izina ryawe cyangwa iry'ikigo wigamo ku ihimbamwandiko.

## UMWANDIKO

## GENDA SHASHI NKUMENYE NSHAJE

*Uyu mugani umuntu awuca iyo ahubiranye n'ikintu kimushimishije mu mizo ya nyuma, ariko atagifite igihe n'urubuga rwo gukomeza kucyihwaba ; ni bwo agira ati « Genda shashi nkumenye nshaje ! » Wakomotse kuri Kimenyi Getura, umwami w'i Gisaka kitaraba u Rwanda ; ahayinga umwaka wa 1700.*

Kera ku ngoma ya Cyilima Rujugira mu Rwanda n'iya Kimenyi Getura mu Gisaka, habaye imihigo y'abo bami bombi ; bahiga inka nziza. Cyilima yavugaga ko arusha Kimenyi inka z'inyambo nziza, Kimenyi na we akavuga atyo, akongeraho n'inkuku nziza. Bukeye Cyilima atuma kuri Kimenyi ati « Ubu ngiye kukoherereza inyambo zishorewe n'abantu bakuru, nawe uzatoranye inka nziza zishorerwe n'abantu bakuru, maze bazateranire iwawe bemeze iziruta izindi.» Intumwa iragenda ibibwira Kimenyi. Na we arabyemera, ndetse abyemera yishimye kuko yakundaga inyama bihebuje. Ubwo we ntiyari yitaye ku bwiza bw'izo nka, ahubwo yashakaga kuzibaga ngo azirye yumve uko inyama z'inka z'i Rwanda zirutana n'iz'i Gisaka.

Nuko Cyilima atoranya inka z'inyambo nziza cyane : iy'urwirungu n'iy'ibihogo ; aziha abantu bakuru barazishorera bazigeza i Remera ry'i Mukiza kwa Kimenyi (i Mukiza = i bwami mu runyagisaka). Barazimurika ; barazitabisha bati « Cyilima yadutumye ngo umurebere izi nka maze umubwire iruta indi ubwiza ». Kimenyi abohereza ku macumbi bateganyije ati « Nimugende ejo muzaze nzababwira iruta iyindi ». Inka arazisigarana. Bagitirimuka ategeka Intarindwa ze kuzibaga. Bazikubita intorezo, bamaze kuzibaga, benda inyama za Bihogo n'iza Rwirungu barazikaza (barazotsa), zimaze gushya bazimuzanira zitatuye ; bati « Iyi ni iya Ruhwijima (Rwirungu) na yo iyi ni iya Bihogo ». Aziryaho zombi, asanga iya Rwirungu irusha iya Bihogo kunura (kuryoha).

Bukeye intumwa za Cyilima zishengerera Kimenyi zije kubaza uko za nka zirutana. Baravunyisha bahabwa icyicaro n'inzoga baranywa. Kimenyi araterura ati « Yemwe ntumwa za Cyilima, mugende mumumbwirire ko Ruhwijima irusha Bihogo kunura ». Intumwa zirumirwa ziyoberwa ibyo ari byo. Abanyagisaka babegereye barabongorera bati « Yaraye aziriye ubwo ni ukubabwira irusha iyindi kuryoha ». Intumwa zirasezera zisubira i Rwanda zumiwe. Baraza babibwira Cyilima. Abateraniye aho bariyamirira, babigira urw'amenyo bati « Wa muntu ni umunyamahanga koko ! Umuntu babajije ubwiza bw'inka akabuvugira ku nyama ! » Ugabiwe inka atanga inyiturano. Inka zarushanwaga ubwiza mu imukwa ryazo.

Kimenyi mu mibereho ye yagiraga amerwe y'inyama cyane, ariko akarya iz'amagumba n'ibimasa gusa. Amaze gusaza, abwira abasongozi (ababazi) be ati « Ubu ndashaje kandi nshaje ntararya ishashi ngo numve uko inura, none nimurebe inyana y'ishashi, muyibage, muyikaze munzanire numve uko imeze.» Inyana yari itakiri umutavu barayibaga, botsa inyama baramuzanira, ararya, asanga zimurutiye izindi yajyaga arya. Niko kwifata ku munwa ariyumvira arimyoza ati « Genda shashi

nkumenye nshaje ! » Ubwo yavugaga ko iyaba atari ashaje ari zo yagiye arya zonyine. Kuva ubwo rero iryo jambo rye riba gikwira mu Gisaka no mu Rwanda, rihinduka umugani ukoreshwa igihe n'imburagihe ku basaza batandukira bagakinisha inkumi no ku muntu wese ubona ikintu kimushimishije mu muzo wa nyuma atazakomeza kucyihwaba akagira ati « Genda shashi nkumenye nshaje ! » Kumenya ishashi ushaje ni ukumenyera icyiza mu mpitagihe.

## IGICE CYA MBERE

**A. Kumva no gusesengura umwandiko** **(amanota 18)**

1. Kuki uyu mwandiko atari umugani ? Ni iki ? Bitangire ingingo ebyiri (2) **(amanota 2)**

2. Andika amazina y'abami bombi bavugwa n'umuhigo wabo bagiranye. **(amanota 2)**

3. Umwanzuro n'umutwe by'umwandiko bihuriye hehe ? **(inota 1)**

4. Cyilima Rujugira yohereje inka z'amabara abiri. Ni ayahe ? Andika andi mabara ane (4) y'inka uzi. **(amanota 3)**

5. Intarindwa ni bande ? **(inota 1)**

6. Kimenyi yari amenyereye kurya inyama zimeze zite ? Mu busaza bwe yadukanye akahe kamenyero gashya ? **(amanota 2)**

7. Uretse kôororerwa inyama, erekana indi mimaro itatu (3) y'ubworozi bw'inka. **(amanota 3)**

8. Mu nteruro ebyiri ngufi sobanura uyu mugani w'Ikinyarwanda « Gusaza ni ugusahurwa ». **(inota 1)**

9. Sobanura mu nteruro ebyiri ngufi aya magambo yavugiwe kuri Kimenyi Getura « Wa muntu ni umunyamahanga koko ! » Kuki ? **(inota 1)**

10. Ruhwijima ivugwa mu mwandiko ni iki ? **(inota 1)**

11. Mu Kinyarwanda kwigira Kimenyi, Bamenya cyangwa Nyiranzakaha na Nyirandabizi (ku mukobwa) bisobanura iki ? **(inota 1)**

**B. INYUNGURAMAGAMBO**

**12. Sobanura amagambo akurikira dusanga mu mwandiko** **(amanota 12)**

a) umusongozi

b) inyaambo

c) gutatura (inyama)

d) ibuguma

e) guhubirana

f) kwihwaba

g) gutirimuka (inyito ebyiri)

h) kugira ikintu urw'amenyo

i) kuvunyisha

j) gukaza (inyito ebyiri)

k) kumurika (inka)

l) inyiturano (inka)

**C. IMPUZANYITO**

**13. Wifashishije umwandiko n'ubumenyi bwawe bwite shaka amagambo ahuje inyito n'ayakurikira.** **(amanota 4)**

a) Intorezo bayita kandi...............................cyangwa ..........................,
.............................. cyangwa ...................................(amagambo 4)

b) Umuntu ukunda inyama nka Kimenyi Getura ni ............................
cyangwa ......................................

c) Inyana icyonka yibera mu kiraro bayita .................................. igeze mu kigero cyo kubangurirwa ni ..............................................

**14. Andika imbusane z'aya magambo** **(amanota 6)**

a. kubyiruka ≠.........................................................................

b. kuryoha ≠ .........................................................................

c. gucumbika (koresha ingereka ngiruura) ≠ .................................

d. umunyamahanga ≠ ..................................................................

e. inkuku mbi ≠ .........................................................................

f. abana bato ≠ .........................................................................

## IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO

**15. Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo** **(amanota 7)**

a) Aziha abantu bakuru batanu bazigeza i Remera rya Mukiza

b) Abandi Banyarwanda bateraniye aho barumirwa bati « Wâa muntu ni umunyamahanga koko ! »

**16. Garagaza intêgo y'amagambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine)** **(amanota 8,5)**

a) Inyama zimaze gushya ati « ndaje mungaburire »

b) Abasetsi babihindura urw'amenyo

c) Yabyêemeranye ibyishimo kuko yakundaga kurya udushâashi

d) Ubwiza bw'izo nka ntiyabwitayeho.

**17. Andika inteko cyangwa ngenga (ku nshinga) z'amagambo aciyeho akarongo.** **(amanota 5)**

- Babimubwiye na we arabyemera.
- Ategeka intarindwa ze kuzibaga.
- Abateraniye aho baraseka baratembagara.
- Mureke numve uko bimeze.

**18. Ubutinde bw'imigemo n'amasaku.**

**a) Tandukanya kandi wuzurishe amagambo yandikwa atyo ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ariko ugabanye ibimenyetso.**

**(amanota 8)**

- guhiga (kurusha ) ≠ ...Guhiiga...(inyamaswa)
- kunura (kuryoha) ≠...Kunuura...(gukuraho uruhu)
- gusaza (gukura mu myaka) ≠...gusaaza...(gutesha umutwe)
- kumenyera (kwibutswa) ≠...Kumenyeera...(kugira akamenyero)
- gutuma (umuntu ahantu ≠...Gutuuma...(gutuumuuka kw'ivu)

- ishashi (inyagazi ikuze bihagije) ≠..............(ikozwe muri palasitike)
- kwiyumvira (n'amatwi yawe) ≠...................(kwibaza)
- kumirwa (gutangara) ≠.....................(guca mu muhogo)

**b) Garagaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ariko ugabanye ibimenyetso kuri iyi nteruro.** **(amanota 5)**

Ubwo Kimenyi ntiyari yitaye ku bwiza bwa Rwirungu na Bihogo.

## IGICE CYA GATATU : IMYANDIKIRE Y'URURIMI

**19. Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda** **(amanota 11,5)**

a) Andika neza amagambo aranga igihe akurikira : **(amanota 6)**

| | |
|---|---|
| n'ijoro = ........................ | mu gitondo =........................ |
| saatanu = ........................ | isaakumi = ........................ |
| nimugoroba = ........................ | n'i munsi = ........................ |

b) Tanga amagambo ane (4) arimo igihekane **–shyw-** **(amanota 2)**

c) Andika amagambo atatu (3) arimo igihekane **–fw-** **(inota 1,5)**

d) Interuro ibaza itangirwa n'iki isozwa n'iki ? Yitangire urugero rw'interuro ngufi y'umurongo umwe. **(amanota 2)**

## IGICE CYA KANE : Ihimbamwandiko **(amanota 15)**

**Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira uyiramburemo umwandiko muremure ufite imirongo 24 y'amagambo 7 umwe umwe.**

20. Nurangiza icyiciro rusange ushobora kuzahindura ikigo wigamo. Erekana ibintu bine ushima iryo shuri n'utundi tubiri urinenga.

21. Andika ku ngamba enye uzafata kugira ngo uzatsinde ishami wahisemo.

22. Andika ku mibereho yawe bwite kugeza ubu urangije icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye. (Ubwana bwawe, amashuri abanza, ayisumbuye umaze kwiga ... utagaragaje amazina yawe cyangwa ikigo wigamo.)